ABASEMINARI BAKURU BA DIYOSEZI YA NYUNDO BAHAWE IMPANURO MBERE YO GUSUBIRA KU ISHURI

Tariki 25 kugeza tariki 28 Nzeli 2018 abafaratri ba Diyosezi ya Nyundo bagize umwiherero ubahuza hagati yabo ubwabo; kandi ubahuza n'ubuzima rusange bwa Diyosezi bazakoreramo ubutumwa. Padiri Léandre NSHIMYIYAREMYE, Umuyobozi wa Seminar into ya Nyundo akaba afite mu nshingano ze kwita ku baseminari bakuru ni we wabakiriye batangira umwiherero ufite insanganyamatsiko igira iti: **«Nimugende rero musiganuze icyo iri Jambo rivuga ngo Icyo nshaka ni impuhwe si ibitambo. Erega sinazanywe no guhamagara intungane, ahubwo abanyabyaha» (Mt 9,13).** Baganirijwe kandi na Padiri Fabien RWAKAREKE ushinzwe guhuza ibikorwa by'Iyogezabutumwa muri Diyosezi, abahuza n'icyerecyezo cy'Ubutumwa cya Diyosezi. Baganirijwe kandi na Padiri Elie HATANGIMBABAZI ku byerekeye ibiro bya Papa bishinzwe (Oeuvres Pontificales pour les Missions) ; baganirijwe nanone na Padiri Jean nepomuscene MALIYAMUNGU KWIZERA,Econome General wa Diyosezi ya Nyundo.

Bagana ku musozo Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yaje kubaha imbanuro mbere y'uko bajya ku Ishuri. Nyuma yo kumugezaho mu ncamake ibyo bigiye hamwe, Musenyeri yatangiye ababwira ko Diyosezi ibakunda kandi ko izakora uko ishobora bakabona ibya ngombwa byose ngo bige neza. Yabasabye kongera kureba ikibatera kwifuza kuba abapadiri buri wese ku rwego agezeho (Revoir leurs motivations vocationnelle). Yakomeje abasaba gukomeza kurangwa n'ubufatanye aho bari mu Seminari nkuru zinyuranye: Rutongo, Kabgayi na Nyakibanda. Yongeye kubibutsa ko bagomba kwiga neza kandi ibinyabiziga bakabona n'impushya zo kubitwara, kuko ari byo bazifashisha mu butumwa. Yarangije abifuriza urugendo rwiza bagana ku i shuri, abifuriza amasomo meza kandi abasezeranya ko azabasura aho biga.

Padiri Jean Marie KWIZERA